PARUWASI YEZU NYIRIMPUHWE GAKERI YIZIHIJE IBIRORI BY'IMPURIRANE NYABUTATU

Ku cyumweru cyo ku wa 28 Mata 2019, **Paruwasi Yezu Nyirimpuhwe GAKERI,** yizihije ibiro by'impurirane nyabutatu. Kuri iyi tariki, Paruwasi Gakeri yahimbaje Icyumweru cy'Impuhwe z'Imana nk'uko Kiliziya igihimbaza ku isi yose, ku cyumweru gikurikira umunsi mukuru wa Pasika. Paruwasi Gakeri yaragijwe Yezu Nyirimpuhwe, kuri icyo cyumweru yanahimbaje umunsi ngarukamwaka wayo, inaboneraho no gutaha Ingoro nshya, Kiliziya ijyanye n'igihe. Ibyo birori byabimburiwe n'imihango yo guha iyo Kiliziya umungisha hakurikiraho Igitambo cy'Ukaristiya cyayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

Paruwasi Yezu Nyirimpuhwe GAKERI: ni imwe muri Paruwasi 26 zigize Diyosezi ya Nyundo. Yavutse ku wa 31 Kanama 2016, ivuka ari Paruwasi ya 25. Yabyawe na Paruwasi ya Crete Congo Nil yaragijwe Bikira Mariya Umubyeyi w'abakene. Paruwasi Gakeri yo iragizwa Yezu Nyirimpuhwe. Paruwasi ivuka, nta Kiliziya ijyanye n'igihe bari bafite. Paruwasi Yezu Nyirimpuhwe GAKERI iri hagati y'amashyamba kimeza ya Mukura na Gishwati. Paruwasi imaze gufungurwa ku itariki yavuzwe, abakristu bakomeje gusengera muri chapelle yari iya Santarali GAKERI. Mu gihe Umwepiskopi yahakoreraga uruzinduko rwe rwa Gishumba yasabye abkristu ba Paruwasi Gakeri kuvugurura Kiliziya yabo badategereje akimuhana.

Ku wa 07 Mutarama 2019 ni bwo hatangijwe imirimo yo kubaka Ingoro nshya, maze ku wa 15 Mutarama 2019 Nyiricyubahiro Anaclet MWUMVANEZA aza gushyiraho ibuye ry'ifatizo ry'iyo Ngoro yatashywe ku mugaragaro ku wa 28 Mata 2019 mu byishimo byinshi.

Iyo Kiliziya yuzuye itwaye amafaranga miliyoni mirongo itanu n'esheshatu (56.000.000F) zavuye mu bwitange bw'abakristu ba Paruwasi Yezu Nyirimpuhwe bafatanije n'abayituyemo ndetse n'abari mu butumwa hanze yayo bahavuka n'inshuti zabo ziri hirya no hino. Kuba Paruwasi itaramara imyaka itatu ishoboye kwiyubakira ingoro nziza yatashywe ndetse n'ibiro by'ubunyamabanga n'ibiro by'abapadiri, byose abakristu babibonamo impuhwe z'Imana, ikiganza cya Yezu Nyirimpuhwe baragijwe. Bakomeje gushimira Umwepiskopi wabahaye Paruwasi, ikaba ari koko urugo rw'Imana rwagati muri bo n'ikimenyetso cy'ubumwe bw'abana b'Imana.

Mu nyigisho Umwepisikopi wa Diyosezi ya Nyundo yahaye abakristu ba Paruwasi Yezu Nyirimpuhwe GAKERI, yibanze ku mpurirane nyabutatu yavuzwe:

- Hamwe na Kiliziya y'isi yose turahimbaza **Icyumweru cy'Impuhwe z'Imana**, umunsi washyizweho na Mutagatifu Yohani Pawulo wa kabiri ku 30/04/2000 ubwo yatangizaga urugendo rwo gushyira mu rwego rw'abatagatifu Mama Fawusitina, umunsi uhimbazwa ku cyumweru gikurikira Pasika. Ni umunsi wasabwe na Nyagasani Yezu Kristu ubwe ubwo yabonekeraga Mama Fawusitina. Mu ntangiriro za Kiliziya abakristu ba mbere bahise bizera impuhwe z'Imana ni yo mpamvu bazaniraga abarwayi Petero ngo abakize. Impuhwe z'Imana tuzisanga kandi muri Bibiliya, nko mu mugani w'umwana w'ikirara wagarutse akakiranwa urukundo n'impuhwe (Lk 15, 11-32). Natwe abakristu duhore tuzirikana izo mpuhwe z'Imana, tuziringire kandi tuziyambaza ubutitsa; natwe turangwe n'impuhwe kandi tube abanyampuhwebamwe ku bandi nka Data wo mu ijuru (Lk 6, 36).

- Nitwishimire **Ingoro nshya, Kiliziya nshya yahawe umugisha** mu bice byayo byose (inkuta, alitari, taberinakoro n'ibindi), ingoro yeguriwe Imana; ariko mbere na mbere tuzirikane ko ari twe Ngoro z'Imana zikeneye guhora zisukurwa zikaba nshya nk'iyi Ngoro twatashye twishimye,twemere ko Imana idutuyemo. Twirinde icyakwangiza iyo ngoro cyangwa icyayisenya (1 Kor 3, 16-17). Dushimire Imana yaduhaye ubushobozi bwo kwiyubakira ingoro ishimishije. Duhore tuzirikana ko imitima yacu ari ingoro ya Roho Mutagtifu,

ko umutima wacu ari wo ngoro nyakuri. Abakristu dukunde kuza mu ngoro twubatse, tuhahererwe umugisha n'amasakramentu maze ubukristu butubyarire ubuvandimwe nyabwo kuko twarabyiyemeje. Kuza mu ngoro, kuhumvira Ijambo ry'Imana n'imihimbazo mitagatifu bidufashe gutunganira Imana, kubana neza, gukomeza gufatanya mu byiza. Impuhwe n'ubudahemuka nibikomeze biganze mu mitima yacu.

- Turahimbaza **Umunsi mukuru wa Paruwasi yacu Yezu Nyirimpuhwe GAKERI.** Yezu yabonekeye abigishwa be; inzugi zari zikinze ariko ntiyaje nk'igisambo gitobora. Ntiyarakeneye aho yinjirira kuko yari kumwe nabo, uretse ko batamubonaga. Twemere tudashidikanya igihe cyose ko Yezu ari kumwe natwe; mu byiza aba atureba akadushima akadushishikariza gukomeza urugendo. Niduhore rero twiteguye ko Yezu Kristu yinjira mu mitima yacu, kuko ashobora no kwinjira ataduteguje. Igihe cyose Yezu adusanga atuzaniye amahoro, aragira ati "*Nimugire amahoro*"; ni yo ndamutso ye; nibe rero n'indamutso ya buri wese kuri mugenzi we. Tuzirikane ko amahoro, adasigana n'urukundo, adasigana n'impuhwe. Nitube nk'abakristu ba mbere barangwaga no gushyira hamwe bagasenga, bakigishwa, bakamanyurira hamwe umugati kandi ntihagire umukene ubabamo nk'uko Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa kibitubwira (Intu 4, 32-37). Nitureke amahoro ya Kristu adusabemo kandi tumenye kuyaha abandi. Niduharanire kuba abakristu b'ukuri tureke kuba ba Nzimenya. Tureke kuba abakungu biheza bumva tudakeneye abandi; tureke kuba abakene biheza bumva badafite akamaro cyangwa badakenewe n'abandi. Twese dukorere hamwe; ibikorwa n'imyitwarire byacu byose bigaragaze ko twemera kandi twifitemo Kristu wazutse. Tureke kuba abahakanyi ahubwo twemere.

Abafashe ijambo bose mu birori baranzwe no gushimira Imana n'abantu bose bemeye gukoreshwa na yo, bakemera kuzana umuganda w'amaboko yabo no ku byo Imana yabahaye kugira ngo biyubakira Kiliziya ijyanye n'igihe. Mu byifuzo by'abakristu ba Paruwasi Yezu Nyirimpuhwe GAKERI, bagejeje k'Umwepiskopi , bamusabye ko Ababikira b'Izuka bahahoze (***Les Filles de la Résurrection***) bagaruka mu rugo rwabo i Gakeri rumaze imyaka 25 rudatuwe. Nyuma kandi yo kuzuza Kilziya yabo bazajya basengeramo, basezeranyije Umwepiskopi ko bafite umuhigo wo gukomeza kuzuza ibitaruzura harimo no kuvugurura aho basengera

muri za Santarali hakajyana n'igihe. Umufundi wubakishije yashimiye Imana ko imirimo yarangiriye ku gihe kandi nta mpanuka ibaye; yashimiye ubwitange bw'abakristu ba Gakeri.

Mu ijambo rye, Umuyobozi w'akarere ka Rutsiro, Mme AYINKAMIYE Emérance yishimiye igikorwa cy'indashyikirwa abakristu bakoze biyubakira Kiliziya ijyanye n'igihe kandi yujuje ibyangombwa. Yagize ati "*Iyo ugeze i Kabona uhita ubonera kure ino nyubako ishimishije, ni igikorwa cy'intangarugero, ni igikorwa cyo kurata. Twasukuye ingoro yo gusengeramo, duhore twibuka no gusukura imitima yacu".* Yanongeyeho ati "*Kiliziya gatolika ari umufatanyabikorwa w'ibanze wa Leta, by'umwihariko w'Akarere ka Rutsiro kuko bombi bahuriye kuguteza imbere umuturage. Dukunde kuza gusenga kandi isuku igaragara mu ngoro nshya twatashye itahe no muri buri rugo, rwo Kiliziya y'ibanze: dukomeze ubufatanye!"*

Mu ijambo rye, Nyiricyubahiro Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yashoje yifuriza abakristu ba Paruwasi Yezu Nyirimpuhwe GAKERI gukomeza kugira iterambere rya roho n'iry'umubiri. Abashimira cyane imyumvira bafite yo kwiyubakira Paruwasi badategereje ibizava ahandi. Yanabahaye kandi impano ya Hostensoir nshya izabafasha gukomeza gushengerera Yezu Nyirimpuhwe.

Ibyiza byose twifurijwe nibitugereho maze duhorane ibyishimo muri Nyagasani.

Yezu wazutse akomeze adusakazeho umugisha we, atugirire impuhwe kandi tube abasangirangendo be tugenza nka we.

HAKIZIMANA Jean d'Amour

Umukristu wa Paruwasi Yezu Nyirimpuhwe GAKERI.